SUN BUCKS

# Menya uko Gahunda ya SUN Bucks yafasha kugaburira abana mu biruhuko by'Impeshyi!



**SUN Bucks** ni gahunda itangirwamo ubufasha bw'ibiribwa mu rwego rwo gufasha imiryango kugura ibiribwa mu Mpeshyi mu gihe ibigo by'amashuri byafunze mu biruhuko. Buri mwana wese wujuje imyaka yo kujya ku ishuri agenerwa **amadolari 120**, atangwa inshuro imwe. Abana bahabwa ubwo bufasha bashobora no kujya mu zindi gahunda zitangirwamo ibiribwa mu gihe cy'Impeshyi.

## Gahunda ya SUN Bucks ikora ite?

Ubufasha butangwa muri Gahunda ya SUN Bucks bushyirwa ku ikatira ya **EBT card** kandi bushobora gukoreshwa mu guhaha ibiribwa nk'imbuto, imboga, inyama, ibinyantete zuzuye, n'ibikomoka ku mata bicuruzwa mu maduka y'ibiribwa, mu masoko y'abahinzi n'ahandi hantu bemera kwishyurwa hifashishijwe amafaranga y'ubufasha ari kuri EBT.

## Ni gute najya muri Gahunda ya SUN Bucks?

### Abahita bashyirwa muri iyo Gahunda

Umwana wawe **ahita ashyirwa** muri Gahunda ya SUN Bucks, bitabaye ngombwa ko abisaba, iyo:

- Yasabye gushyirwa mu mubare w'abahabwa ubufasha bw'ibiribwa ku ishuri kandi byagaragaye ko yujuje ibisabwa cyangwa
- Afite imyaka 6-16 kandi aba mu rugo rusanzwe ruri muri Gahunda za SNAP, FDPIR, TANF, MaineCare ku kigero cya 185% FPL, cyangwa OFI cyangwa OCFS *byamugaragaje* nk'urererwa mu wundi muryango, utagira aho aba cyangwa umwimukira.

**Kurikiranira hafi!** Ingo zihita zishyirwa muri iyo Gahunda zihabwa ubufasha guhera muri Kamena maze bugahita bushyirwa ku ikarita ya Pine Tree isanzwe ikoreshwa cyangwa ku ikarita nshya ya EBT ishyirwa mu gasanduku k'amabaruwa.

### Kubyisabira

**Imiryango myinshi ihita ishyirwa muri iyo Gahunda. Niba nta baruwa wakiriye mu gasanduku k'amabaruwa muri Kamena, saba gushyirwa muri Gahunda ya SUN Bucks mbere y'itariki ya 15 Kanama niba:**

- Umwana wawe yiga ku kigo cy'amashuri kibaho Gahunda y'igihugu yo gutanga amafunguro ya saa sita cyangwa Gahunda y'amafunguro yo gutanga amafunguro ya mu gitondo, *kandi*
- Urugo rwawe rwujuje ibisabwa kugira ngo ruhabwe ubufasha bw'amafunguro atangirwa ku ishuri ku buntu cyangwa ku mafaranga make.

**Waba warimutse ufite aderesi nshya?**

Kora ku buryo ikigo cy'amashuri n'Ibiro bishinzwe gufasha imiryango kwigira biba bifite aderesi yawe nshya kugira ngo ubufasha butangwa mu rwego rwa Gahunda ya **SUN Bucks** bwoherezwe kuri aderesi nyayo!

Hamagara OFI kuri (855) 797-4357 maze utange amakuru yawe mashya



**Witegereza kugira ngo utangire gukoresha ubufasha uhabwa!**

Gahunda ya SUN Bucks irangira nyuma y'iminsi 122.

**Ku bijyanye n'andi makuru, sura urubuga rwa:** Maine.gov/dhhs/ofi

**Kugira ngo usabe:** Sura urubuga rwa MyMaineConnection.gov cyangwa wuzuze urupapuro basabiraho ruboneka ku rubuga rwa Maine.gov

**Waba ufite ibibazo?** Hamagara OFI kuri (855) 797-4357

Maine.gov/dhhs/ofi

Department of Health and Human Services · DIRIGO · MAINE